Bibiliya y'abana
irerekana

# Abami Beza, Abami Babi

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Lazarus
Alastair Paterson

yahujwe na: Ruth Klassen

yahinduwe na: Dan Rinda


yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org


©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.




Manase yari afite agahinda kenshi. Se, Umwami Hezekiya,yari agipfa. Afite imyaka cumi n'ibiri gusa, Manase yabaye umwami mushya w'ubwoko bw'Imana bw'i Buyuda. Icyo gihe ntiyarazi ko yari kuzaba umwami mu gihe cyimyaka 55. Manase yari akeneye ko Imana imufasha kugira ngo abe umwami mwiza.






Ariko Manase yirengagije Imana maze akora ibibi. Manase yongeye kubaka ibicaniro byo gusenga ibigirwamana. Ndetse yakoze igishushanyo kibajwe maze agishyira mu rusengero rwera rw'Imana! Imana yari yaravuze binyuriye kuri Mose iti "ntukiremere igishushanyo kibajwe. Ntuzapfukame imbere y'ibyo bigirwamana kandi ntuzabiyoboke."
3


Manase yakoraga iby'ubupfumu n'ubumaji. Yatumye abantu batera Imana umugongo. Ndetse yatwitse abahungu be abatambira ibigirwamana. Imana yarakajwe n'uko Manasw yayigometseho.
4



Iyo ubwoko bwayo butumviye, Imana ibwemerera guhanwa. Uko ni ko byagendekeye Manase n'abantu yategekaga. Uwiteka abateza ingabo z'Abashuri. Manase bamufungiye mu mbago bamujyana I Babuloni.
5


Igihe Manase yari arimo ababara I Babuloni, yinginze Uwiteka Imana ye. Nuko yicisha bugufi cyane imbere y'Imana ya ba sekuruza, arayisenga. Ntibazongera gusenga ibigirwamana! Ariko se, Imana nzima yari gusubiza Manase nyuma y'ububi bwe bwose?
6


Yego rwose! Imana yummvise isengesho ry'umwami, imusubiza I Yerusalemu, imusubiza ku ntebe y'ubwami, imusubiza kuba umwami w'abantu. Nuko Manase amenya yuko Uwiteka ari Imana.
7



Umwami Manase yari yarahindutse. Yavanye cya gishusho mu rusengero rw'Imana, kandi akoranyiriza imana zamahanga zose i Yerusalemu. Arazijugunya. Yasanye igicaniro cy'Uwiteka, atamba ibitambo by'ishimwe.
8

Nuko ategeka abantu be gukorera Uwiteka Imana ya Isirayeli.  Mbega ukuntu Manase yahindutse mu buryo butangaje!




9

Igihe Manase yapfaga, umuhungu we Amoni yasubiye mu gusenga ibigirwamana.  Ariko ntiyicishije bugufi imbere y'Umwami nk'uko Manase yabigenje.  Amoni yakomeje kuba umunyabyaha, maze abagaragu be bamwicira munzu ye.  Yategetse imyaka ibiri gusa.




10

Umwami wakurikiyeho, ari we Yosiya, yari afite imyaka umunani gusa.  Yategetse mu gihe cy'imyaka 31, kandi yakoze ibikwiriye mu maso y'Imana.  Yarimbuye ugusenga kw'ikinyoma n'imana z'ibinyoma.  Yosiya yasenye ibyo bigirwamana byose.



11

Umwami mwiza Yosiya yasukuye an'asana urusengero rw'Imana.  Mu myanda umutambyi yabonye mo igitabo cy'amategeko y'Uwiteka yahawe Mose.



12

Umwami amaze kumva amagambo yo mu gitabo cy'Amategeko yashishimuye imyambaro ye.  Yosiya yari azi ukuntu abakurambere be bari baragaragaje ubugome bukabije igihe basuzuguraga amategeko y'Imana.




13

Umuhanuzikazi witwaga Hulida yagejeje ubutumwa bw'Imana kuri Yosiya.  "Uku ni ko Uwiteka avuga ati' Dore ibihano byose byanditswe muri iki gitabo nzabizanira aha hantu, kuko banyimuye.'" Ariko kubera ko Yosiya yicishaga bugufi kandi akumvira, ibyo byabaye nyuma y'urupfu rwe.




14

Imana yafashije Yosiya kuyobora ubwoko bwayo bukagarukira Uwiteka. Umunsi umwe, igihe Yosiya yari ayoboye ingabo ze mu ntambara, umwanzi yarashe umuheto, ara mukomeretsa cyane. Abagaragu be bamujyanye i Yerusalemu mu igare, aho yapfiriye. Abaturage be bose barbarize, maze bahimba indirimbo zivuga iby'Umwami mwiza Yosiya.







Nyuma y'igihe gito, ubwo bwami bwararangiye. Ariko umunsi umwe, umwami azongera ategeke Isirayeli. Izina rye ni Umwami w'Abami, n'Umutware utwara abatware. Igihe Yesu Kristo yazaga ku ncuro ya mbere, baramwanze kandi baranamwica. Igihe Yesu Kristo azagaruka, ntazaba umwami wa Isirayeli gusa, ahubwo azaba n'umwami w'isi yose.



Abami Beza, Abami Babi

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

2 Ibyo ku Ngoma 33-36

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130



# Iherezo

23 60



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16